

Itariki:

Impamvu: Gusaba ubufasha bugenerwa “Umwana utagira aho aba” hashingiwe ku itegeko rya McKinney-Vento

Aderesi y'aho umwana ari kuba:

Aderesi y'aho umwana yabaga mbere y'uko ahinduka “utagira iyo aba”:

Ikigo yifuza kwigaho:

Umuyobozi w'ikigo umwana yigaho:

Izina ry'umwana, Itariki y'amavuko, Umwaka yigamo:

Nyakubahwa _____ (umuyobozi w'ikigo k'ishuri),

_____ (izina ry'umwana) ni “utagira aho aba” nk'uko bigenwa n'itegeko rirengera abatangira aho baba rya McKinney-Vento kandi arengerwa n'ingingo zaryo. **(Hitamo kimwe:)**

	Umwana ashobora kwiga kuri iri shuri kubera ko ari ryo yigagaho mbere (Ishuri “yaturutseho”).
	Umwana ashobora kwiga kuri iri shuri kubera ko ryegereye aho ari kuba.

Sinkeneye gusaba kwandikwa mu iyandikwa rusange, cyangwa kwerekana impapuro zo kwiyandikisha zuzuye nk'ikemezo cyo gutura. Ndasaba kandi ubufasha bujyanye na: **(Hitamo byinshi)**

	IEP (Gahunda y'imyigire yihariye ku munyeshuri)		Gahunda ya 504
	Ifunguro rya mugitondo n'irya saa sita ryo ku ishuri		Impuzankano y'ikipe y'imikino
	Impuzankano y'ishuri		Nta gutanga amafaranga muri karabu cyangwa mu Ikipe y'imikino
	Gutega		Kopi z'inyandiko z'amakuru yerekeye ikigo nizeho n'ifishi y'inkingo nahawe
	Ibikoresho by'ishuri		Ubufasha mu bijyanye no kubonana na muganga mu rwego rwo kwivuzwa cyangwa kubera ikibazo cy'amenyo
	Nta mafaranga y'ishuri		Imyambaro n'inkweto byo gukorana imyitoto ngororamubiri
	Gufashwa mu gusaba kwiga muri koleji		Nta mafaranga y'ibizamini bya SAT cyangwa ACT (byo kwemererwa kwiga muri koleji cyangwa kaminuza)
	Gufasha umwana kwiga icyongereza		Ikindi:

Muramutse hari ibibazo mufite cyangwa impungenge, mwampamagara. Mushobora kumpamagara kuri _____ . Mbashimiye imikoranire yanyu.

Murakoze!

Izina ry'umubyeyi:

Iyi baruwa yerekeye ubufasha bugenwa n'itegeko rya McKinney-Vento yatanze nange, umubyeyi/umurezi, nyishyikiriza kuri _____.

Izina ry'umukozi w'ishuri wayakiriye

Itariki:

Amabwiriza y'Imyandikire y'ibaruwa isaba ubufasha bugenerwa umwana “utagira aho aba”

1. Andika itariki wuzurijeho ibaruwa kandi washyiriyeho umukono
2. Uzuzamo aderesi y'ahantu umwana ari kuba n'aho umwana yabaga mbere
3. Shyiramo izina ry'ikigo k'ishuri ushaka ko umwana wawe yigaho n'izina ry'umuyobozi wacyo
4. Uzuzamo izina ry'umwana, Itariki y'amavuko n'umwaka yigamo
5. Shyiramo izina ry'Umuyobozi w'ikigo k'ishuri
6. Hitamo KAMWE mu tuzu tubiri, kandi ushyiremo akamenyetso ka V cyangwa x
7. Shyira akamenyetso ka V cyangwa x imbere y'utuzu twose ushaka.
8. Shyiramo nomero yawe ya telefone cyangwa imeyiri cyangwa byombi.
9. Shyiraho umukono ubundi wandike n'izina ryawe
10. Kugira ngo utange ibaruwa, yijyanire, uyohereze kuri imeyiri, uyohereze ukoresheje iposita cyangwa ukoresheje fagisi. Mu gihe utanga ibaruwa, uzuzamo izina ry'umuntu wayihaye n'itariki wayimuhereyeho.
11. IKITONDERWA: Sigarana kopi y'ibaruwa
 - a. Ushobora gufotora ibaruwa ukoresheje telefone yawe ukayiyohereza kuri imeyiri. Kuyohereza kuri imeyiri bifasha mu gihe telefone yawe yatakara, ikangirika cyangwa se ibintu birimo byasibwa.
 - b. Ushobora kubika fotokopi y'urupapuro muri dosiye zawe.

*Ikigo gitanga ubufasha mu by'amategeko cya Advocates for Legal Equality, Inc. n'ikigo gitanga ubwunganizi mu mategeko cya Legal Aid of Western Ohio, Inc. ni ibigo bikora ibijyanye n'amategeko bidaharanira inyungu bitanga serivisi z'amategeko ku baturage ku giti cyabo cyangwa se imiryango idafite amikoro ahagije bo muri Ohio y'iburengerazuba. Aya makuru ntatwawe nk'ubujyanama mu by'amategeko. Ni amakuru rusange. Ntabwo asimbura kuvugana n'umwunganizi mu by'amategeko ku kibazo cyawe. Ushobora gukomeza gukenera ubufasha bw'umwunganizi mu by'amategeko. *Biheruka guhindurwa ku wa 19 Ugushyirahamwe 2019*